Maahanmuuttovirasto
Migrationsverket
Finnish Immigration Service

# Ibazwa mu kigo cya Leta gishinzwe abinjira n’abasohoka (Imigarasiyo) kw’ihagarikwa cyangwa iseswa rya sitati igenerwa uwahunze cyangwa ry’ubuhungiro budasanzwe

Wahamagajwe mw’ibazwa mu kigo cya Leta gishinzwe abinjira n’abasohoka (Imigarasiyo). Soma witonze aya mabwiriza, agusobanurira uburenganzira bwawe n’inshingano zawe mw’ibazwa. Niba hari ibibazo kuri aya mabwiriza ushobora kubibwira umukozi uzakubaza, ibazwa ritangiye.

## Ibazwa risobanuye iki?

- Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n’abasohoka (Imigarasiyo) kiri kwiga ry'ubuhungiro bwawe cyangwa uburenganzira bwawe bwo kurindwa by’agateganyo. Inyandiko igutumiye mu nama y'ibiganiro iragaragaza impamvu iki kigo cyafashe icyemezo cyo kwiga kuri dosiye yawe.
- Mw'ibazwa, dosiye yawe izasuzumwa neza. Uzahabwa umwanya wo gusobanura neza ibibazo bigomba gusobanurwa, kandi umukozi ukuganiriza azagufasha abaza ibibazo bikwiye.
- Niba warasabye uruhushya rwo gutura cyangwa Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n’abasohoka (Imigarasiyo) kiri kwiga ku cyemezo cyo gusesa uruhushya rwawe rwo gutura cyangwa niba bishoboka ko wakwirukanwa mu gihugu,  Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n’abasohoka (Imigarasiyo) kizaguhamagara kugira ngo kikubaze ibyo bibazo.

## Ufite uburenganzira ki muri iryo bazwa?

- Ufite uburenganzira bwo gukoresha umwunganizi mu by'amategeko mu gihe cyo kubazwa. Umwunganizi azitabira ibazwa ryawe akurikije uko abona bikwiye.
- Ni wowe ubwawe ugomba gushaka uwo mwunganizi. Niba utabashije kumushaka, ibazwa rirakomeza n'iyo nta mwunganizi uhari.
- Mu butumire uzamenyeshwa niba hateganyijwe umusemuzi mu gihe cy'ibazwa. Azagusemurira hakoreshejwe iyakure kuri videwo.
- Umukozi ukubaza, umusemuzi n'umwunganizi bafite inshingano y'ibanga, ni ukuvuga ko nta muntu wo hanze n'umwe bashobora kubwira ibyo bumvise mw'ibazwa. Gusa, ibyo uvuga mu gihe cyo kuganirizwa bishobora kugira ingaruka ku byerekeranye n'icyemezo gifatirwa umuryango wawe. Mu gihe nk'icyo, ibyo uvuga bishobora gukoreshwa mu kwiga icyemezo kirebana n'umuryango wawe. Ariko kandi, dushobora guhisha ibyo watangaje kugira ngo umuryango wawe utabimenya mu gihe bishobora guteza wowe cyangwa undi wese mu muryango wawe akaga cyangwa ingaruka mbi. Uzavuga icyo utekereza kuri ibi mu gihe cy'ibazwa.
- Impapuro zijyanye n'ibyawe zifatwa nk'ibanga kandi zibikanwa ibanga.

## Ni izihe nshingano ufite mu gihe cyo kubazwa?

- Ufite inshingano zo gutanga amakuru ajyanye n'ikibazo cyawe mu gihe cyo kuganirizwa. Ni inyungu yawe kuvuga ukuri ku bintu byose bishobora kugira ingaruka ku cyemezo.
- Ni inyungu yawe kandi kuvuga no ku bibazo bigoye.
- Niba hari icyo utibuka cyangwa utazi, ntukagerageze guhanga igisubizo. Gutanga amakuru atari yo bituma ibyo wavuze bidahabwa agaciro.
- Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka gishyingura amakuru yawe mu buryo bwa mudasobwa bukoreshwa mu kwegeranya dosiye z'abanyamahanga.
- Guha ubutegetsi imyirondoro y'ibinyoma cyangwa gutanga amakuru mahimbano byinjizwa mu rwego rwa Leta rubikwamwo imyirondoro ni icyaha, gihanwa n' amategeko.
- Zirikana ko gutanga amakuru y'ibinyoma cyangwa guhisha amakuru y'ukuri bishobora kugutera ibibazo mu gihe kizaza, harimo n'uko uruhushya wahawe rwo kuba mu gihugu rwahagarikwa ndetse no kukugora mw'isuzuma ry'andi madosiye yawe.

## Ni gute ukwiye kwitegura ibazwa?

- Itwaze pasiporo yawe, icyangombwa cy'inzira cyangwa urupapuro rw'inzira ruhabwa impunzi.
- Niba ufite impamvu wifuza ko umusemuzi cyangwa umukozi ukubaza yaba umugore cyangwa umugabo, cyangwa niba hari ikibazo cy'ubuzima bwawe bw'umubiri cyangwa bw'ihungabana gishobora kugira ingaruka mw'ibazwa, bimenyeshe Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka. Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka

kizasuzuma niba impamvu ifite ishingiro. Ohereza imenyesha ryawe ukoresheje ibaruwa ngurukanabutumwa (email) kuri aderesi kasu.kainuu@migri.fi. Ohereza ibaruwa ngurukanabutumwa y'ibanga ukoresheje serivisi yitwa securemail.migri.fi. Andika muri iyo serivisi aderesi ngurukanabutumwa yawe ukande "komeza". Nyuma y'ibyo ukanda ahanditse "Rekisteröidy" (iyandikishe) hanyuma ugakurikiza amabwiriza wohererezwa kuri aderesi ngurukanabutumwa yawe. Kwiyandikisha wohererezwa ubutumwa mu ngurukanabutumwa yawe burimwo inzira y'irembo rikugenewe winjiriraho kugira ngo ugaragaze ko ari wowe muri iyo serivisi. Iyo nzira y'irembo ikora iminsi 30 gusa.

- Itwaze ibyo kurya cyangwa amafaranga yo kugura amafunguro.
- Itwaze imiti y'uwo munsi niba uyikeneye.
- Ntujyane abana, keretse niba babagutumye mw'ibazwa.
- Uzahagere ku gihe. Mw'ibaruwa igutumira handikwamwo ahantu n'igihe ibazwa rizabera.

## Uko ubigenza ku munsi w'ibazwa mu Kigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka

- Ntushobora kwimura umunsi w'ibazwa udafite impamvu ikomeye. Niba urwaye kuri uwo munsi w'ibazwa, bimenyeshe mu buryo bwihuse Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka. ibiro by'Abimukira byihuse. Ohereza imenyesha ryawe ukoresheje ibaruwa y'ibanga ngurukanabutumwa (email) kuri aderesi kasu.kainuu@migri.fi. Ohereza ibaruwa ngurukanabutumwa y'ibanga ukoresheje serivisi yitwa: securemail.migri.fi. Ugomba gushyikiriza Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka icyemezo cy'umurwayi gitangwa n'umuforomo usimbura muganga cyangwa muganga mu gihe kitarenze icyumweru kimwe 1 nyuma y'umunsi w'ibazwa.
- Iyo ugeze ku biro bya Leta bishinzwe abinjira n'abasohoka, ushobora gukorerwa isuzuma ry'umutekano.
- Ereka ushinzwe umutekano wo ku biro bya Leta bishinzwe abinjira n'abasohoka pasiporo ya we, irangamuntu cyangwa ikarita y'uruhusa rwo kuba mu gihugu ndetse n'ibaruwa igutumira mw'ibazwa.
- Aho abantu bategerereza hinjira gusa abahamagawe kubazwa n'abandi bantu baba bumvikanyweho mbere n'Ibiro bya Leta bishinzwe abinjira n'abasohoka.
- Niba ukeneye guherekezwa n'umuntu ukuba hafi, ugomba wowe ubwawe cyangwa se uwo muntu ushinzwe uwo murimo kubisaba mbere y'igihe mw'ibaruwa yohererezwa Ibiro bya Leta bishinzwe abinjira n'abasohoka. Iyo bitakozwe mbere, umukozi ushinzwe kukubaza, abifatira umwanzuro ibazwa ritangiye, niba uwo mukozi uguherekeje ashobora kuba ahari. Umukozi ukuba hafi si umwunganizi mu mategeko nta n'uruhare afite mu kugufasha kwisobanura.
- Umuntu ushinzwe kukubaza ni umukozi w'Ibiro bya Leta bishinzwe abinjira n'abasohoka. Ashobora kuba ahibereye cyangwa se yifashishije ikoranabuhanga ry'iyakure ya videwo.
- Ibazwa rifatwa amajwi. Mu cyumba haba harimwo kandi na kamera zifata amafoto.

- Ibazwa rishobora gufata umunsi wose. Hagati aho dufata ikiruhuko cyo gufungura, n'utundi turuhuko iyo dukenewe. Ushobora buri gihe gusaba kuruhuka.
- Iyo bibaye ngomba ibazwa rikomeza undi munsi. Icyo gihe uhabwa irindi tumirwa ryo kubazwa  mu minsi iri imbere.

## Bigenda gute mw'ibazwa?

- Umukozi ukubaza atangira akubwira uko ibazwa riza kugenda kandi akareba niba warasobanukiwe n'uburenganzira n'inshingano byawe. Baza niba hari ibyo udasobanukiwe. Vuga niba utumva umusemuzi ibyo avuga.
- Ushinzwe ibazwa akubaza ibibazo ku bintu bitandukanye. Vugisha ukuri. Vuga niba hari icyo utazi, cyangwa utibuka.
- Mw'ibazwa Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka gishobora kwumva ibisobanuro byawe, bishobora kugira ingaruka ku mikirize ya dosiye yawe. Urugero, niba ukekwaho gukora icyaha cyangwa warakatiwe n'urukiko gukora icyaha muri Finilandi bishobora kugira ingaruka ku mikirize ya dosiye yawe mu Kigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka.  Iyo bikenewe mw'ibazwa Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka kiguha amahirwe yo gutanga igitekerezo cyawe kuri icyo kibazo.
- Umukozi ukubaza asuzumana nawe inyandikomvugo yose cyangwa igice cyayo, iyo Ikigo cya Imigarasiyo kibona ari ngombwa. Iyo mudasuzumiye hamwe inyandikomvugo yose n'umukozi ukubaza, uhabwa itariki ntarengwa yo kohereza inyongera cyangwa ibyo wakosoye mu nyandikomvugo. Uhabwa kopi y'inyandikomvugo yawe wibikira.

## Ni gute Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka gifata icyemezo?

- Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka gifata icyemezo kuri dosiye yawe gihereye ku makuru watanze mw'ibazwa ryawe no ku bindi biri muri dosiye. Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka gishobora gushakisha n'amakuru atangazwa hirya no hino kugira ngo kiyifashishe mu nyungu z'icyemezo.
- Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka gishobora, iyo bikenewe, gushakisha ibisobanuro k'umwimerere w'impapuro mu gihugu cya we.  Kuri ibyo, abakozi ba Leta ntibashobora kumenya niba gushaka ibisobanuro bishobora guteza akaga kuri wowe cyangwa kuri bene wanyu ba hafi.
- Iyo mudasuzumiye hamwe inyandikomvugo yose n'umukozi ukubaza, uhabwa itariki ntarengwa yo kohereza inyongera cyangwa ibyo wakosoye mu nyandikomvugo. Ushobora no kohereza n'ibindi bisobanuro by'inyongera ku busabe bwawe n'igihe itariki ntarengwa wahawe yarenze buri gihe kugeza igihe uzabonera icyemezo ku busabe bwawe. Zirikana ko inyongera zoherezwa nyuma y'itariki ntarengwa bishoboka ko zose zitasuzumwe mu cyemezo wahawe. Ohereza inyandiko z'inyongera mu buryo bwanditse.

- Iyo sitati y'ubuhungiro yawe cyangwa iy'ubuhungiro budasanzwe bw'agateganyo ihagaritswe cyangwa isheshwe, cyangwa iyo uruhusa rwo kuba mu gihugu ruhagaritswe, ufite uburenganzira bwo gusaba ubufasha bwo gutaha ku bushake bwawe. Itangwa ry'ubwo bufasha rifite amabwiriza asuzumwa igihe wabusabye. Reba andi makuru n'aho ubisaba mu biro biha inama abatashye iwabo ku rubuga rwa murandasi y'Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka migri.fi/paluu.